INYANDIKO NGENDERWAHO MU GUTANGA AMAKURU KU BASHYIRWA KU RUTONDE RW'INTWARI Z'IGIHUGU

Dushingiye ku Itegeko nº 13 bis/2009 ryo kuwa 16/6/2009 rigena Inshingano, Imiterere n'Imikorere by'Urwego rw' Igihugu rushinzwe Intwari z'Igihugu, Imidari n'Impeta by'Ishimwe, ushyirwa mu Rwego rw'Intwari z'Igihugu ni umuntu ukurikirana ibyo yiyemeje kugeraho bikavamo igikorwa cy'ikirenga gifitiye abandi akamaro, akabikora mu bupfura, mu kwihangana no mu bwitange buhebuje kandi akirinda ubugwari mu migirire ye, ntagamburuzwe n'amananiza.

Hashingiwe kubyo itegeko nº 13 bis/2009 riteganya, Intwari irangwa n'ibi bikurikira:

1. *Kugira umutima ukomeye kandi ukeye:* kugira umutima udatinya, gushyigikira icyiza, kugaragaza ikibi no guhangara kukirwanya kandi uzi neza ingaruka;
2. *Gukunda igihugu*: gushyira imbere no guharanira ubusugire, iterambere, ishema by'igihugu n'ubumwe bw'abagituye;
3. *Kwitanga:* kwigomwa inyungu zawe bwite, guharanira inyungu rusange byaba ngombwa ugahara ubuzima;
4. *Kugira ubushishozi:* kureba kure no kumenya ukuri kutagaragarira buri wese;
5. *Kugira ubwamamare mu butwari:* kurangwa n'ibikorwa by'ubutwari bizwi kandi bishimwa na benshi;
6. *Kuba intangarugero:* kurangwa n'ibikorwa bihebuje, bibera abandi urugero rwiza;
7. *Kuba umunyakuri:* kurangwa n'ukuri kandi ukaguharanira ntutinye no kuba wakuzira;
8. *Kugira ubupfura:* umuco ugaragarira mu matwara meza, imibereho, imyifatire n'imibanire n'abandi;
9. *Kugira ubumuntu:* kurangwa n'umutima ukunda abantu ku buryo

buhebuje aho kubarutisha ibintu.

Umuntu utangwaho kandidatire agomba kuba arangwa n'indangagaciro zivuzwe haruguru. Uwo muntu ashobora kuba akiriho cyangwa atakiriho.

Kuri uwo muntu ugiye gutangira kandidatire gerageza gusobanura ibi bikurikira:

1. a)Uwo muntu ni nde/bande?
   b)Vuga muri make uwo ari we.
   c)Niba akiriho abarizwa he?
   d)Niba yarapfuye, yapfuye ryari?
   e)Yazize iki ? (niba kizwi)
2. Ushingiye ku biranga Intwari z'Igihugu, vuga ibyo yakoze cyangwa uko yabayeho bimushyira mu Ntwari z'Igihugu?
3. Kuri buri gikorwa umushimira, sobanura bihagije ibi bikurikira:
   a) Yagikoze ryari?
   b) Yagikoreye he?
   c) Yagikoze ate? Yafatanije nande/na bande; ate?
   d) Yagikoze kubera iki?
   e) Yagikoze inshuro zingahe?
   f) Byagize akahe kamaro?
   g) Byabereye bande urugero?
   h) Ni bande babihamya; babarizwa he?

N.B: Kuri buri gisubizo gitanzwe, gerageza gusobanura bihagije.

Ibi bibazo bisubirizwa ku rundi rupapuro.

REPUBULIKA Y'U RWANDA

URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE

IBIREBA UWATANZE KANDIDATIRE

Umwirondoro wanjye:

1) Izina bwite :
2) Irindi zina :
3) Ubwenegihugu:
4) Icyo akora:
5) Aho mbarizwa:
    - Igihugu:
    - Intara:
    - Akarere:
    - Umurenge:
    - Akagari:
    - Umudugudu:
6) P.O. Box:
7) Telefone:
8) E-mail :
9) Uko wamumenye cyangwa isano mufitanye :

Umukono : …….. Itariki : ……..

Izi nyandiko zombi iyo umaze kuzuzuza neza uzohereza aho Urwego rukorera, ku iposita cyangwa ukazishyikiriza Akarere utuyemo.

Adressi y'Urwego ni iyi ikurikira:
URWEGO RW'IGIHUGU RUSHINZWE INTWARI Z'IGIHUGU, IMIDARI N'IMPETA BY'ISHIMWE
Opposite Chez Lando, BK Building, Remera 1 - Gisimenti
CHENO : www.cheno.gov.rw
P.O Box 635 Kigali